IKEGERANYO K'IBYAKOZWE N'INTEKO KU MUSHINGA W'AMABWIRIZA YEREKEYE IMYANDIKIRE MBONERA Y'IKINYARWANDA

	AMATARIKI	**IGIKORWA**	**ICYARI KIGAMIJWE**
1	5/2/2012	Ikiganiro **"Kubaza bitera kumenya''.**	Kwegeranya ibibazo Abanyarwanda bahura nabyo iyo bakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda.
2	22-23/02/2012	Inama nyunguranabitekerezo n'impuguke zitandukanye ku rurimi rw'Ikinyarwanda zirimo abarimu ba Kaminuza, inzego za Leta (REB/ NCDC) n'izigenga, UNESCO, abahagarariye amadini, abarezi bigisha Ikinyarwanda, abanyamakuru n'abashakashatsi ku rurimi rw'Ikinyarwanda; abantu barenga 40.	Gusuzuma ibyavuye mu kiganiro **"Kubaza bitera kumenya"** kigaragaza ibibazo no kubitangaho ibitekerezo. Gutanga ibitekerezo ku byifujwe n'Abanyarwanda kugira ngo amakosa n'ihuzagurika mu myandikire bicike. **Mu myanzuro inama yasabye ko amabwiriza y'imyandikire asanzweho avugururwa.**
3	8/2012	Itsinda ry'impuguke 5 ryakoze ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda: -**Hon.Prof NKUSI Laurent** (umwarimu wa Kaminuza n'umushakashatsi mu iyigandimi mu Kinyarwanda) -**Dr NIYOMUGABO** Cyprien (umwarimu wa Kaminuza n'umushakashatsi mu iyigandimi mu Kinyarwanda KIE) -**TWIRINGIYIMANA Chrysogone** (umwarimu wa Kaminuza n'umushakashatsi mu iyigandimi mu Kinyarwanda KIE)	Kuvugurura amabwiriza yari asanzweho mu bihe bitandukanye kugira ngo amakosa n'ihuzagurika mu myandikire bicike. Gutegura imbanzirizamushinga w'imyandikire yemewe y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

		-**BIZIMANA Simon** (umushakashatsi muri IRST) - **NIKUZE Emmanuel** (umushakashatsi muri IRST).	
4	03-04/09/2012	Inama nyunguranabitekerezo ku byavuye muri raporo yakozwe n'itsinda ry'impuguke yari ihuje abantu barenga 45 baturutse mu nzego zinyuranye.	Gukosora no kwemeza imbanzirizamushinga ry'Iteka.
5	12/2012	Inama Rusange isanzwe y'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco yafashe Ikemezo n° 12/10/22 cyo kwemeza umushinga w'Iteka no kuyageza ku nzego zifata ibyemezo.	Kwemeza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda ku rwego rw'Inteko.
6	28/2/2013	Inama Rusange isanzwe yafashe Ikemezo n° 13/02/41 cyo gutumira Nyakubahwa Minisitiri wa Siporo n'Umuco mu nama igamije kumusobanurira ibikubiye mu Iteka no kunononsorera hamwe imyandikire yemewe y'ururimi rw'Ikinyarwanda.	Inama yateranye tariki ya 12/3/2013.
7	12/3/2013	Inama Rusange isanzwe isubiye ku Kemezo n° 12/10/2012 yafashe Ikemezo gishya n° 13/03/46 cyemeza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda nyuma yo kuyiganiraho na Nyakubahwa	Amabwiriza yongeye gusuzumirwa ku rwego rwa Minisiteri ya Siporo n'Umuco nyuma yo kuyohereza mu zindi nzego.

		Minisitiri wa Siporo n'Umuco.	
8	9/2013	Gukorana n'umujyanama mu by'Amategeko wa Minisiteri ya Siporo n'Umuco mu kunoza imyandikire y'Iteka. Guhindura mu Cyongereza n'Igifaransa imbanzirizamushinga ry'Iteka. Gukorana n'impuguke ebyiri(2) mu by'ururimi rw'Ikinyarwanda mu gutegura no kunoza isobanurampamvu ry'Iteka. Abafashije bari : -Hon. Prof NKUSI Laurent -TWILINGIYIMANA Chrysogone. Abakozi bo muri Serivisi za Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe bagize uruhare rugaragara muri iki gikorwa.	Kunoza imbanzirizamushinga n'isobanurampamvu by'Iteka no kuyashyira mu ndimi z'Icyongereza n'Igifaransa mbere yuko yoherezwa muri Serivisi za Minisitiri w'Intebe.
9	1/10/2013	Inama ya Interministerial Consultative Council yagejejweho umushinga w'Iteka rya Minisitiri wa Siporo n'Umuco rigenga imyandikire y'Ikinyarwanda	Interministerial Consultative Council yasabye ko Iteka rya Minisitiri rihinduka, rikandikwa mu buryo bw'Itegeko rigenga imyandikire y'Ikinyarwanda.
10	16/12/2013	Minisitiri wa Siporo n'Umuco yandikiye Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta amusaba ibitekerezo ku mushinga w'Itegeko ryerekeye imyandikire y'Ikinyarwanda,	Kwakira no gukurikiza ibitekerezo bya Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta nyuma y'ibyemezo byagaragaye aho Interministerial Council itanze umurongo mushya.

		mu ibaruwa N° 2752 MIN/2013.	
11	16/12/2013	Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta yasubije ko umushinga wahinduka "***Amabwiriza***" aho kuba "***Itegeko***", mu ibaruwa N° 103/08.25/LEG.	Byakozwe nkuko byasabwe na Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta.
12	24/01/2014	Minisitiri wa Siporo n'Umuco yasabye Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco ko yongera kureba iby'itegeko ikabihuza n'ikifuzo cya Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta aho kugira imyandikire y'Ikinyarwanda itegeko ikaba amabwiriza.	Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco yakurikije Inama nk'uko yabisabwe, umushinga wongera koherezwa mu nzego zifata ibyemezo kugira ngo ugezwe mu Nama y'Abaminisitiri.
13	28/3/2014	Inama Idasanzwe y'Abaminisitiri yarateranye.	Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga w'amabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda.
14	15/4/2014	Minisitiri wa Siporo n'Umuco yandikiye Minisitiri w'Intebe amusaba gushyira mu Igazeti ya Leta Amabwiriza ya Minisitiri wa Siporo n'Umuco agenga imyandikire y'Ikinyarwanda, mu ibaruwa n° 749/MIN/2014.	Gusohora no kugeza ku Banyarwanda imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.
15	22/4/2014	Minisitiri wa Siporo n'Umuco yandikiye Minisitiri	Kugira ngo amabwiriza atangire kubahirizwa.

		w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta amusaba gushyira ikirango cya Repubulika ku mabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda mbere y'uko asohoka mu Igazeti ya Leta, mu ibaruwa n° 799/MIN/2014.	
16	5/6/2014	Inama yahuje intumwa z'Inteko na Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta, baganira ku mpungenge zagaragajwe n'abatekinisiye ba MINIJUST. Nyuma yaho, intumwa za MINIJUST zakoranye n'abatekinisiye b'Inteko kugira ngo banoze ingingo z'inzibacyuho n'ibyerekeye imyandikire y'amazina bwite yamenyerewe. Hongeye no kwitabazwa impuguke Hon. Prof. NKUSI Laurent na Bwana TWILINGIYIMANA Chrysogone. MINIJUST na yo yari ihagarariwe muri ibyo biganiro.	Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta n'abandi bayobozi b'iyo Minisiteri ndetse n'umutekenisiye wari wasabye ko umushinga wongera kwigwa, bagejejweho ibisobanuro n'Intumwa z'Inteko banyurwa na byo ku ngingo zose zari muri MEMO. Bemeranyije gusa ko hongerwamo ingingo z'inzibacyuho n'ingingo yihariye ku mazina bwite.
17	19/6/2014	Inama Rusange y'Inteko yemeje iyongerwa ry'ingingo z'inzibacyuho mu mabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda (Icyemezo N° 14/06/139)	Kwemeza iyongerwa ry'ingingo z'inzibacyuho n'ibyerekeye amazina bwite ku mabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.
18		Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta	Kunoza amabwiriza mbere yuko ashyirwaho ikirango cya

		yasabye Komisiyo y'Igihugu ishinzwe ivugurura ry'Amategeko kunoza amabwiriza mbere yuko ayashyiraho umukono.	Repubulika.
19	27/8/2014	Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko yatumiye intumwa z'Inteko kugira ngo zisobanure ibyerekeye ingingo zimwe na zimwe z'amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda.	Kureba niba nta kosa ryaba rikiri mu mabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda. Amabwiriza yaranogejwe.
20	8/10/2014	Amabwiriza y'imyandikire yashyizweho umukono na Minisitiri wa Siporo n'Umuco, anashyirwaho ikirango cya Repubulika na Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta. Nyuma yaho yohererejwe urwego rushinzwe Igazeti ya Leta kugira ngo atangazwe.	Gutegereza ko asohoka mu Igazeti ya Leta.
21	13/10/2014	Amabwiriza ya Minisitiri n° 001/2014 yo ku wa 8/10/2014 agenga Imyandikire y'Ikinyarwanda yasohotse mu Igazeti ya Leta.	Igazeti ya Leta n° 41 bis yo ku wa 13/10/2014 yaratangajwe.

Bikorewe i Kigali, ku wa 29/10/2014

Intiti NIYOMUGABO Cyprien
Intebe y'Inteko, Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco